*Umwaka wa 48 n° idasanzwe*
*yo kuwa 08 Gicurasi 2009*

*Year 48 n° special*
*of 08 May 2009*

*48ème Année n° spécial*
*du 08 mai 2009*

| Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda | Official Gazette of the Republic of Rwanda | Journal Officiel de la République du Rwanda |
|---|---|---|

***Ibirimo/Summary/Sommaire***

***A. Amateka ya ba Minisitiri/Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels***

**N°01/09/MINICOM ryo kuwa 08/05/2009**
Iteka rya Minisitiri riteganya isosiyete nto ifite uburyozwe buhinnye idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.......................................................................................................3
**N°01/09/MINICOM of 08/05/2009**
Ministerial Order determining small private limited company.......................................................3
**N°01/09/MINICOM du 08/05/2009**
Arrêté Ministériel déterminant une petite société privée à responsabilité limitée........................ 3

**N°02/09/MINICOM ryo kuwa 08/05/2009**
Iteka rya Minisitiri ryerekeye ubucuruzi bukorwa n'abantu badafite ubushobozi buhagije.......... 7
**N°02/09/MINICOM of 08/05/2009**
Ministerial Order relating to business of low income……………………………………………7
**N° 02/09/MINICOM du 08/05/2009**
Arrêté Ministériel relatif aux activités commerciales de faibles revenus………………….........7

**N°03/09/MINICOM ryo kuwa 08/05/2009**
Iteka rya Minisitiri rigena ibiciro byerekeye imirimo y'iyandika ry'ibikorwa by'ubucuruzi by'amasosiyete……………………………………………………………………………..23
**N°03/09/MINICOM of 08/05/2009**
Ministerial Order determining fees for registration of companies' business activities………….23
**N°03/09/MINICOM du 08/05/2009**
Arrêté Ministériel déterminant les frais d'enregistrement des activités commerciales des sociétés……………………………………………………………………………………..23

**ITEKA RYA MINISITIRI N°01/09/MINICOM RYO KUWA 08/05/2009 RITEGANYA ISOSIYETE NTO IFITE UBURYOZWE BUHINNYE IDAHAMAGARIRA RUBANDA KUYIGURAMO IMIGABANE**

**MINISTERIAL ORDER N°01/09/MINICOM OF 08/05/2009 DETERMINING SMALL PRIVATE LIMITED COMPANY**

**ARRETE MINISTERIEL N°01/09/MINICOM DU 08/05/2009 DETERMINANT UNE PETITE SOCIETE PRIVEE A RESPONSABILITE LIMITEE**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri Teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Umubare w'amafaranga ntarengwa**

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka**

**Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article one: Purpose of this Order**

**Article 2: Maximum amount**

**Article 3: Repealing of inconsistent provisions**

**Article 4: Commencement**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Montant maximum**

**Article 3: Disposition abrogatoire**

**Article 4 : Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°01/09/MINICOM RYO KUWA 08/05/2009 RITEGANYA ISOSIYETE NTO IFITE UBURYOZWE BUHINNYE IDAHAMAGARIRA RUBANDA KUYIGURAMO IMIGABANE**

**Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo; iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyeti y'ubucuruzi nk'uko biteganywa mu ngingo yaryo ya 20;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 06/05/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri Teka rigamije**

Iri Teka riteganya umubare w'amafaranga

**MINISTERIAL ORDER N° 01/09/MINICOM OF 08/05/2009 DETERMINING SMALL PRIVATE LIMITED COMPANY**

**The Minister of Trade and Industry;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 07/2009 of 27th April 2009 relating to companies in its article 20;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 06/05/2009;

**HEREBY ORDERS:**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order prescribes the amount of

**ARRETE MINISTERIEL N° 01/09/MINICOM DU 08/05/2009 DETERMINANT UNE PETITE SOCIETE PRIVEE A RESPONSABILITE LIMITEE**

**Le Ministre du Commerce et de l'Industrie;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales en son article 20;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 06/05/2009;

**ARRETE:**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

Cet arrêté prescrit le montant maximum du

ntarengwa acuruzwa k'umwaka n'isosiyete nto ifite uburyozwe buhinnye idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane.

**Ingingo ya 2: Umubare w'amafaranga ntarengwa**

Isosiyete yitwa ko ari isosiyete nto ifite uburyozwe buhinnye idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane iyo mu mwaka wibarura mari uheruka yacuruje umubare w'amafaranga uri munsi ya miliyoni ijana na mirongo itanu (150.000.000 frw).

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho

**Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri Teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y' u Rwanda.

**Kigali, kuwa 08/05/2009**

maximum annual turnover for a small private limited company.

**Article 2: Maximum amount**

A company shall be called a small private limited company when, during the previous business year, it had a turnover which is less than one hundred fifty million Rwandan francs (Rwf 150,000,000)

**Article 3: Repealing of inconsistent provisions**

All previous provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 4: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Kigali, on 08/05/2009**

chiffre d'affaires annuel pour une petite société à responsabilité limitée.

**Article 2: Montant maximum**

Une société est qualifiée de petite société à responsabilité limitée si, au cours de l'exercice commercial précédent, elle a eu un chiffre d'affaires n'excédant pas cent cinquante millions de francs rwandais (150.000.000 Frw).

**Article 3: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 4 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda

**Kigali, le 08/05/2009**

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

Minister of Trade and Industry
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice /Attorney General

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

Ministre du commerce et de l'industrie
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°02/09/MINICOM RYO KUWA 08/05/2009 RYEREKEYE UBUCURUZI BUKORWA N'ABANTU BADAFITE UBUSHOBOZI BUHAGIJE**

**MINISTERIAL ORDER N°02/09/MINICOM OF 08/05/2009 RELATING TO BUSINESS OF LOW INCOME**

**ARRETE MINISTERIEL N° 02/09/MINICOM DU 08/05/2009 RELATIF AUX ACTIVITES COMMERCIALES DE FAIBLES REVENUS**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri Teka rigamije**

**Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'igikorwa cy'ubucuruzi**

**Ingingo ya 3: Ububasha bwo gukora ubucuruzi**

**Ingingo ya 4: Kwiyandikisha mu gitabo cy'ubucuruzi**

**UMUTWE WA II: IMITERERE Y'IGITABO CY'UBUCURUZI**

**Ingingo ya 5: Ikoreshwa ry'igitabo cy'ubucuruzi**

**Ingingo ya 6: Ibikubiye mu igitabo cy'ubucuruzi**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definition of a business activity**

**Article 3: Capacity of doing business**

**Article 4: Registration in the register of trade**

**CHAPTER II: STRUCTURE OF THE REGISTER OF TRADE**

**Article 5: Use of the register of trade**

**Article 6: Content of the register of trade**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

**Article 2: Définition d'une activité commerciale**

**Article 3: Capacité d'exercer une activité commerciale**

**Article 4: Enregistrement au registre de commerce**

**CHAPITRE II: STRUCTURE DU REGISTRE DE COMMERCE**

**Article 5: Utilisation du registre de commerce**

**Article 6: Contenu du registre de commerce**

**UMUTWE WA III: IBYEREKEYE IYANDIKA N'ISABA RYO KWANDIKWA MU GITABO CY'UBUCURUZI**

<u>Ingingo ya 7</u>: **Gusaba kwandikwa mu Gitabo cy'Ubucuruzi**

<u>Ingingo ya 8:</u> **Ibikubiye mu nyandiko isaba**

<u>Ingingo ya 9</u> **: Ibyangombwa biherekeza gusaba kwandikwa mu gitabo cy'ubucuruzi**

<u>Ingingo ya 10</u> **: Icyemezo cy'iyandikwa**

<u>Ingingo ya 11</u> **: Kumanika icyemezo cy'iyandikwa**

<u>Ingingo ya 12</u> **: Inzitizi ibuza kwandikwa mu gitabo cy'ubucuruzi**

<u>Ingingo ya 13</u> **: Isibwa**

<u>Ingingo ya 14</u> **: Imikorere y'ibiro by'Umwanditsi Mukuru**

<u>Ingingo ya 15</u> **: Impamvu zishobora gutuma gusaba kwandikwa mu gitabo bitemerwa.**

**CHAPITER III: REGISTRATION AND APPLICATION FOR REGISTRATION IN REGISTER OF TRADE**

<u>Article 7</u>: **Application for registration in register of trade**

<u>Article 8</u>: **Content of the application letter**

<u>Article 9</u>: **Documents accompanying the application of registration in the register of trade**

<u>Article 10:</u> **Registration certificate**

<u>Article 11</u>: **Display of the registration certificate**

<u>Article 12</u>: **Obstacles to registration in the register of trade**

<u>Article 13</u>: **Removal from register**

<u>Article 14:</u> **Functioning of the Office of Registrar General**

<u>Article 15</u>: **Grounds for rejecting applications for registration**

**CHAPITRE III: ENREGISTREMENT ET DEMANDE D'ENREGISTREMENT AU REGISTRE DE COMMERCE**

<u>Article 7:</u> **Demande d'enregistrement au registre de commerce**

<u>Article 8</u>: **Contenu d'une demande d'enregistrement**

<u>Article 9</u> **: Documents accompagnant la demande d'enregistrement au registre de commerce.**

<u>Article 10</u> **: Certificat d'enregistrement**

<u>Article 11</u> **: Affichage du certificat d'enregistrement**

<u>Article 12</u> **: Obstacles à l'enregistrement au registre de commerce**

<u>Article 13</u> **: Radiation du registre de commerce**

<u>Article 14</u> **: Fonctionnement de l'Office du Registraire Général**

<u>Article 15</u> **: Raisons de rejet de demande d'enregistrement au registre de commerce.**

**Ingingo ya 16: Kubuza kwandikwa kuri nimero nyinshi cyangwa ku izina ry'ubucuruzi ryandikishijwe**

**Ingingo ya 17: Amafaranga atangwa mu gihe cy'iyandikisha**

**UMUTWE WA IV: IBIHANO**

**Ingingo ya 18: Ibyaha n'ibihano biteganywa n'iri Teka.**

**UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 19: Gukurikiza itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi mu Rwanda**

**Ingingo ya 20: Abashinzwe kubahiriza iri Teka**

**Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka**

**Ingingo ya 22: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa**

**Article 16: Prohibition to be registered under many numbers or under an existing business name**

**Article 17: Fees to be paid for registration**

**CHAPTER IV: PENALTIES**

**Article18: Offences and penalties provided for by this Order**

**CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 19: Compliance with the Law relating to companies in Rwanda**

**Article 20: Implementation of this Order**

**Article 21: Repealing of inconsistent provisions**

**Article 22: Commencement**

**Article 16 : Interdiction d'être enregistré sous plusieurs numéros ou sous la raison sociale déjà enregistrée**

**Article 17 : Frais à payer pour l'enregistrement**

**CHAPITRE IV : PENALITES**

**Article 18 : Infractions et pénalités prévues par le présent arrêté**

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 19 : Observation de la loi relative aux sociétés commerciales au Rwanda**

**Article 20 : Exécution du présent arrêté**

**Article 21: Disposition abrogatoire**

**Article 22 : Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°02/09/MINICOM RYO KU WA 08/05/2009 RYEREKEYE UBUCURUZI BUKORWA N'ABANTU BADAFITE UBUSHOBOZI BUHAGIJE**

**Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo; iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyeti y'ubucuruzi nk'uko biteganywa mu ngingo yaryo ya 375;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 06/05/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri Teka rigamije**

Iri teka rigena iyandikisha, imiterere n'imikorere by'ibikorwa by'Ubucuruzi

**MINISTERIAL ORDER N°02/09/MINICOM OF 08/05/2009 RELATING TO BUSINESS OF LOW INCOME**

**The Minister of Trade and Industry;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law N° 07/2009 of 27th April, 2009 relating to companies in its article 375;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 06/05/2009;

**HEREBY ORDERS:**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order determines modalities of registration, the nature and organisation of

**ARRETE MINISTERIEL N° 02/09/MINICOM DU 08/05/2009 RELATIF AUX ACTIVITES COMMERCIALES DE FAIBLES REVENUS**

**Le Ministre du Commerce et de l'Industrie ;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales en son article 375 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 06/05/2009;

**ARRETE:**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine l'enregistrement, la nature et l'exercice des

bukorwa n'abantu badashobora kwinjiza nibura amafaranga ibihumbi cumi (10.000 frw) ku munsi.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Igisobanuro cy'igikorwa cy'ubucuruzi**

Igikorwa cy'ubucuruzi hakurikijwe iri teka ni igikorwa cy'umuntu wese yaba umugore cyangwa umugabo ukora ibikorwa by'ubucuruzi, byanditswe hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka harimo kugura no kugurisha, gutanga serivisi cyangwa se ikindi gikorwa icyo aricyo cyose mu buryo buhoraho gikorwa hagamijwe kubona inyungu.

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ububasha bwo gukora ubucuruzi**

Umuntu wese ufite byibuze imyaka cumi n'itandatu wandikishije igikorwa cye cy'Ubucuruzi kandi ufite icyemezo cy'iyandikwa mu buryo bukurikije iri teka aba afite ububasha bwo gukora ibikorwa by'ubucuruzi mu mbibi za Repubulika y'u Rwanda.

Iyo atarageza ku myaka y'ubukure yemerewe gukora ibikorwa byose, harimo no kuregera urukiko abinyujije ku mwishingizi we.

business whose income is less than ten thousand Rwandan francs (10.000 Rwf) per day.

**<u>Article 2</u>: Definition of a business activity**

In this Order, a business activity shall mean any business activity carried out by any individual regardless of sex and registered as provided for by this Order. It shall include purchase and sale, service delivery or any other professional activity done on a regular basis in order to gain profit.

**<u>Article 3</u>: Capacity of doing business**

Any person who is at least 16 years old, who has registered his/her business activity and who has a registration certificate according to this Order shall be entitled to conduct business activities on the territory of the Republic of Rwanda.

Under the majority age, he/she shall perform all business activities including filing suits in courts through his/her legal guardian.

activités commerciales dont le revenu est en dessous de dix mille francs Rwandais (10.000 Frw) par jour.

**<u>Article 2</u>: Définition d'une activité commerciale**

Une activité commerciale, selon le présent arrêté, est une activité que toute personne, homme ou femme exerce étant enregistrée conformément aux dispositions du présent arrêté y compris celles d'achat et de vente, d'offre de services ou toute autre activité professionnelle exercée en vue du bénéfice.

**<u>Article 3</u>: Capacité d'exercer une activité commerciale**

Toute personne âgée de 16 ans au moins, ayant fait enregistré son activité commerciale et ayant un certificat d'enregistrement selon les dispositions du présent arrêté est jugée capable d'exercer des activités commerciales sur le territoire de la République du Rwanda.

Elle est en droit d'effectuer toutes les activités avant l'âge de la majorité, y compris celle de saisir les juridictions par le biais de son tuteur.

**Ingingo ya 4: Kwiyandikisha mu gitabo cy'ubucuruzi**

Umucuruzi uwari wese uvugwa muri iri teka agomba kwiyandikisha mu Gitabo cy'Ubucuruzi agahabwa icyemezo cy'ubucuruzi n'ibiro by'Umwanditsi Mukuru.
Iyandikisha rikorerwa mu biro by' Umwanditsi Mukuru cyangwa n'iby'abamuhagarariye.

**UMUTWE WA II: IMITERERE Y'IGITABO CY'UBUCURUZI**

**Ingingo ya 5: Ikoreshwa ry'igitabo cy'ubucuruzi**

Igitabo cy'ubucuruzi ni icyandikwamo ibikorwa by'ubucuruzi kandi kikabikwa n'Umwanditsi mukuru cyangwa abamuhagarariye.

**Ingingo ya 6: Ibikubiye mu igitabo cy'ubucuruzi**

Igitabo cy'ubucuruzi gikubiyemo urutonde rugaragaza ku buryo bukurikiranye:

- Itariki na nimero y'iyandikisha ry'igikorwa cy'ubucuruzi;

**Article 4: Registration in the register of trade**

Every trader concerned by this Order must be registered in the register of trade and get a certificate of registration from the Office of the Registrar General.

Such registration shall take place at the head office of the Registrar General and other branch offices.

**CHAPTER II: STRUCTURE OF THE REGISTER OF TRADE**

**Article 5: Use of the register of trade**

A register of trade is a register in which business activities are recorded and kept by the Registrar General or his/her representative.

**Article 6: Content of the register of trade**

The register of trade shall contain data in the following order:

- The date and number of registration of the business activity;

**Article 4: Enregistrement au registre de commerce**

Tout commerçant concerné par le présent arrêté doit être inscrit au registre de commerce et recevoir un certificat d'enregistrement délivré par l'Office du Registraire Général.
L'enregistrement est effectué au siège de l'Office du Registraire Général ou aux autres bureaux représentant l'Office.

**CHAPITRE II: STRUCTURE DU REGISTRE DE COMMERCE**

**Article 5: Utilisation du registre de commerce**

Un registre de commerce est celui dans lequel sont enregistrées des activités commerciales et qui est tenu par le Registraire Général ou son représentant.

**Article 6: Contenu du registre de commerce**

Le registre de commerce mentionne les données dans l'ordre suivant:

- Date et numéro d'enregistrement de l'activité commerciale;

- Amazina y'uwiyandikisha n'aho abarizwa;

- Igikorwa cy'ubucuruzi gisabirwa iyandikisha;

- Izina ry'umucuruzi iyo arifite;

- Urwego igikorwa cy'ubucuruzi kibarirwamo.

Umwanditsi Mukuru ashyiraho icyitegererezo cy'icyo gitabo cyandikwamo ibikorwa by'ubucuruzi.

**UMUTWE WA III: IBYEREKEYE IYANDIKA N'ISABA RYO KWANDIKWA MU GITABO CY'UBUCURUZI**

**<u>Ingingo ya 7</u>: Gusaba kwandikwa mu Gitabo cy'Ubucuruzi**

Gusaba kwandikwa mu gitabo cy'ubucuruzi bikorwa uwiyandikisha yuzuza inyandiko ebyiri zabugenewe zakorewe mu icapiro cyangwa ku nyandiko ziteguwe mu buryo bw'ikoranabuhanga zitangwa n'Umwanditsi Mukuru.

- Names and address of the registered trader ;

– Business activity to be registered;

- The company name if available ;

- Category of commercial activity.

The Registrar General shall set up a model of a register of trade in which shall be recorded data on business activities.

**CHAPITER III: REGISTRATION AND APPLICATION FOR REGISTRATION IN REGISTER OF TRADE**

**<u>Article 7</u>: Application for registration in register of trade**

The application for registration in register of trade shall be made by filling in two printed forms prepared by the Office of the Registrar General or by filling them in electronically.

- Les noms du commerçant enregistré et son adresse;

- L'activité commerciale faisant objet d'enregistrement;

- Raison sociale si disponible;

- Catégorie d'activité commerciale.

Le Registraire Général met en place un modèle du registre de commerce dans lequel sont inscrites les activités commerciales.

**CHAPITRE III: ENREGISTREMENT ET DEMANDE D'ENREGISTREMENT AU REGISTRE DE COMMERCE**

**<u>Article 7</u>: Demande d'enregistrement au registre de commerce**

La demande d'enregistrement au registre de commerce est adressée en remplissant les deux formulaires prévus imprimés préparés par l'Office du Registraire Général ou par voie électronique.

Inyandiko zisabirwaho iyandikisha zuzuzwa kandi zigashyirwaho umukono n'ubisaba.

Inyandiko ya mbere ibikwa n'Umwanditsi Mukuru cyangwa umuhagarariye naho inyandiko ya kabiri igahabwa uwasabye iyandikisha.

**Ingingo ya 8: Ibikubiye mu nyandiko isaba**

Inyandiko isaba igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira:

- Amazina y'usaba ;
- Itariki n'aho yavukiye ;
- Aho abarurirwa n'aho atuye ;
- Ubwenegihugu bw'usaba ;
- Izina ry'ubucuruzi ;
- Igikorwa cy'ubucuruzi.

**Ingingo ya 9 : Ibyangombwa biherekeza gusaba kwandikwa mu gitabo cy'ubucuruzi**

Mu gushimangira ibivugwa mu gihe cyo kwiyandikisha, usaba agomba gutanga ibyangombwa bikurikira :

- Fotokopi y'irangamuntu ;
- Icyemezo cy'ubwishyu bw'amafaranga yo kwiyandikisha

The application forms for business registration shall be filled in and signed by the applicant.

One form shall be kept by the Registrar General or his/her representative whereas the other shall be given to the applicant.

**Article 8: Content of the application letter**

The application letter must contain:

- Names of the applicant;
- Date and the place of birth ;
- Place of residence and domicile;
- Nationality of the applicant ;
- Business name ;
- Business activities.

**Article 9: Documents accompanying the application of registration in the register of trade**

In confirmation of data submitted for registration purposes, the applicant must submit the following documents:

- Copy of the national identity card;
- Payment evidence of required registration fees for the relevant

Les formulaires de demande d'enregistrement au registre de commerce sont remplis et signés par le demandeur.

Le premier formulaire est gardé par le Registraire Général ou son représentant et le second est délivré au demandeur d'enregistrement.

**Article 8: Contenu d'une demande d'enregistrement**

La demande d'enregistrement doit contenir:

- Noms du demandeur
- Date et lieu de naissance
- Lieu de résidence et domicile;
- Nationalité du demandeur ;
- Raison sociale ;
- Activité commerciale;

**Article 9 : Documents accompagnant la demande d'enregistrement au registre de commerce.**

Conformément aux données soumises pour l'enregistrement, le demandeur d'enregistrement doit soumettre les pièces suivantes:

- Photocopie de la carte d'identité ;
- Le bordereau de versement des frais d'enregistrement requis pour une telle

yishyurwa ngo igikorwa cy'ubucuruzi cyandikwe;
- Amafoto atatu magufi y'ibara.

**Ingingo ya 10 : Icyemezo cy'iyandikwa**

Icyemezo cy'iyandikwa kigomba kugaragaza ibi bikurikira :

- Inimero y'iyandikwa ry'igikorwa cy'ubucuruzi ;
- Amazina y'uwiyandikisha ;
-Izina ry'ubucuruzi, igikorwa cy'ubucuruzi gikorerwamo n'iry'umucuruzi ;
- Isobanura rigufi kandi ryumvikana ry'igikorwa cy'ubucuruzi cyandikishijwe ;
- Icyicaro cy'ubucuruzi n'aho bukorerwa ;

- Itariki igaragaza igihe icyemezo gitangiwe ;
- Umukono na kashe by'Umwanditsi Mukuru cyangwa abamuhagarariye ;
- Urwego igikorwa cy'ubucuruzi kibarirwamo.

**Ingingo ya 11 : Kumanika icyemezo cy'iyandikwa**

Icyemezo cy'iyandikwa cyangwa se kopi yacyo iriho umukono w'Umwanditsi Mukuru bigomba kumanikwa ahantu hagaragara neza ku cyicaro cy'ahakorerwa igikorwa cy'ubucuruzi ;

business activity;

- Three colored passport photos

**Article 10: Registration certificate**

Registration certificate shall mention the following:

-Registration number of the business activity;
- Names of the registered person ;
- Business name, name of the business activity and name of the trader;
- Brief and precise description of the registered business activity ;
- The company head office and the place of business;
- The date on which the registration certificate was issued ;
- Signature and stamp of the Registrar General or his/her representatives ;
- Category of the commercial activity.

**Article 11: Display of the registration certificate**

The registration certificate or a copy bearing the signature of the Registrar General has to be displayed in a visible manner at the place of the business activity;

activité commerciale;

- Trois photos passeport en couleur.

**Article 10 : Certificat d'enregistrement**

Le certificat d'enregistrement d'une activité commerciale doit montrer;

– Numéro d'enregistrement de l'activité commerciale ;
- Noms de la personne enregistrée ;
- Raison sociale, nom de l'activité et nom du commerçant ;
- Description brève et concise de l'activité commerciale enregistrée ;
- Siège social et lieu d'exercice du commerce ;
- Date de délivrance du certificat d'enregistrement ;
- Signature et cachet du Registraire Général ou ses représentants ;
- Catégorie de l'activité commerciale.

**Article 11 : Affichage du certificat d'enregistrement**

Le certificat d'enregistrement ou sa copie contenant la signature du Registraire Général doit être affiché(e) dans un endroit visible au siège de l'exploitation commerciale.

**Ingingo ya 12 : Inzitizi ibuza kwandikwa mu gitabo cy'ubucuruzi**

Umuntu wese utarageza imyaka 16 n'abandi bantu batabyemerewe n'amategeko ntibemerewe kwandikwa mu gitabo cy'ubucuruzi.

**Ingingo ya 13 : Isibwa**

Umucuruzi wese wanditse agomba, mu gihe kitarenze ukwezi uhereye igihe yahagarikiye igikorwa cye cy'ubucuruzi, gusaba gusibwa mu gitabo cy'ubucuruzi.

Iyo umucuruzi wanditse apfuye, abamuzungura bagomba mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye igihe yapfiriye, gusaba ko iyandikwa rye mu gitabo cy'ubucuruzi risibwa cyangwa se ko rihindurwa mu gihe biyemeje gukomeza igikorwa cye cy'ubucuruzi.

**Ingingo ya 14 : Imikorere y'ibiro by'Umwanditsi Mukuru**

Umwanditsi Mukuru ashobora guha, mu nyandiko abamuhagarariye haba mu biro bye cyangwa ahandi ububasha bwo kwakira iyandikisha no gusinya mu izina rye.

**Article 12: Obstacles to registration in the register of trade**

Any person who is under 16 of age as well as other people who are not authorized shall not be entitled to registration in the register of trade.

**Article 13: Removal from register**

Every registered trader shall, within one month after suspension of business activity, request the removal of such activity from the register of trade.

In case of death of the trader, the heirs shall, within three months from the date of death, request the removal of his/her names from the register or change names if they decide to continue the activity.

**Article 14: Functioning of the Office of Registrar General**

The Registrar General may delegate, in a written form, to his/her representatives either at the head office or elsewhere, the power of receiving applications and sign them in his/her name.

**Article 12 : Obstacles à l'enregistrement au registre de commerce**

Toute personne âgée de moins de 16 ans et d'autres personnes privées de ce droit par la loi n'ont pas droit d'être enregistrées au registre de commerce.

**Article 13 : Radiation du registre de commerce**

Tout commerçant inscrit doit, endéans un mois après la suspension de son activité commerciale, demander la radiation du registre de cette activité.

Si un commerçant inscrit décède, ses héritiers doivent, endéans trois mois à partir de la date de décès, demander la radiation de son nom du registre de commerce ou le changement de nom au cas où ils s'engagent à poursuivre son activité commerciale.

**Article 14 : Fonctionnement de l'Office du Registraire Général**

Le Registraire Général peut déléguer, par écrit, à ses représentants soit au siège de l'Office ou ailleurs, la pouvoir de recevoir les demandes et de signer en son nom.

**Ingingo ya 15 : Impamvu zishobora gutuma gusaba kwandikwa mu gitabo bitemerwa.**

Umwanditsi Mukuru cyangwa abamuhagarariye ku rwego tw'Uturere bashobora kwanga kwandika igikorwa cy'ubucuruzi ku izina ry'ubucuruzi rinyuranyije n'imico myiza n'impamvu ndemyagihugu bikurikizwa mu Rwanda.

Mu gihe gusaba kwandikwa mu gitabo cy'ubucuruzi byujuje ibisabwa n'iri teka, Umwanditsi Mukuru cyangwa abamuhagarariye bagomba, mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye ku munsi gusaba kwandikwa byakiriwe mu Ibiro by'Umwanditsi Mukuru, guha uwasabye inimero y'iyandikisha hamwe n'icyemezo cy'iyandikwa. Iyo iminsi itanu (5) irenze nta gisubizo icyo gihe bifatwa ko iyandikisha ryemewe.

Iyo basanze hari impamvu ituma atagihabwa, Umwanditsi Mukuru abimumenyesha mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi itanu, y'akazi kandi akavuga n'impamvu.

Iyo uwabisabye atishimiye icyemezo cyamufatiwe ku rwego rw'abahagarariye Umwanditsi Mukuru icyo gihe ashobora

**Article 15: Grounds for rejecting applications for registration**

The Registrar General or his/her representatives at the district level can reject the registration of a business activity under a company name contrary to morals and for reasons of public order observed in Rwanda.

In case the registration application in the register of trade does meet all criteria set by this Order, the Registrar General or his/her representatives must, within five working days from the day of receipt of the application, give to the applicant the registration number as well as the certificate of registration. If the period of five days expires without any reply, the application shall be deemed approved.

If there is any reason to reject the application, the Registrar General shall notify him/her in writing within five working days and give motives.

If the applicant is not satisfied with the decision of the Registrar General's representatives, he/she can appeal before

**Article 15 : Raisons de rejet de demande d'enregistrement au registre de commerce.**

Le Registraire Général ou ses représentants au niveau de district peuvent refuser l'enregistrement d'une activité commerciale sous un nom commercial contraire aux bonnes mœurs et pour des raisons d'ordre public observées au Rwanda.

Au cas où la demande d'enregistrement au registre de commerce remplit les critères exigés par le présent arrêté, le Registraire Général ou ses représentants doivent, endéans cinq jours ouvrables dès réception du dossier de demande, donner au demandeur un numéro d'enregistrement ainsi qu'un certificat d'enregistrement. Passé ce délai de cinq jours sans suite, la demande est considérée comme acceptée.

En cas de constat d'un motif qui conduit au refus de la demande, le Registraire Général informe le demandeur par écrit endéans cinq jours ouvrables en donnant les motifs.

Si le demandeur n'est pas satisfait de la décision prise contre lui par les représentants du Registraire Général, il

kujurira icyo cyemezo ku Mwanditsi Mukuru, mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi naho iyo icyemezo cyafashwe n'Umwanditsi Mukuru ashobora kuregera urukiko mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi.

**Ingingo ya 16: Kubuza kwandikwa kuri nimero nyinshi cyangwa ku izina ry'ubucuruzi ryandikishijwe**

Ntawemerewe kwandikwa kuri nimero nyinshi zitandukanye cyangwa ku izina ry'ubucuruzi ryandikishijwe cyangwa ku izina ry'ubucuruzi rijya gusa cyane n'izina ryandikishijwe.

**Ingingo ya 17: Amafaranga atangwa mu gihe cy'iyandikisha**

Amafaranga atangwa mu gihe cy'iyandikisha cyangwa mu gihe cyo kwandikisha inyandiko z'inyongera mu gitabo cy'ubucuruzi angana n'amafaranga 2,000 frw.

**UMUTWE WA IV: IBIHANO**

**Ingingo ya 18: Ibyaha n'ibihano biteganywa n'iri Teka.**

Urutonde rw'ibivugwa muri iyi ngingo ni ibyaha bihanwa n'iri teka kandi bicirirwa

the Registrar General within 15 working days. If the decision has been taken by the Registrar General, the applicant can file an appeal before a court in a period within 15 working days.

**Article 16: Prohibition to be registered under many numbers or under an existing business name.**

No one shall be authorized to be registered under many different numbers or under a business name which looks like another name already registered.

**Article 17: Fees to be paid for registration**

The fees to be paid for registration or registration of additional documents in the register of trade shall be of Rwf 2,000.

**CHAPTER IV: PENALTIES**

**Article18: Offences and penalties provided for by this Order**

The list enumerated in this article contains offences punished by this Order as follows:

peut faire appel auprès du Registraire Général endéans 15 jours ouvrables. Si la décision a été prise par le Registraire Général, le demandeur peut porter plainte devant le tribunal endéans 15 jours ouvrables.

**Article 16 : Interdiction d'être enregistré sous plusieurs numéros ou sous la raison sociale déjà enregistrée**

Personne n'est autorisé à être enregistré sous plusieurs numéros différents ou sous la raison sociale très proche de celle déjà enregistrée.

**Article 17 : Frais à payer pour l'enregistrement**

Les frais à payer lors de l'enregistrement ou lors de l'enregistrement de documents supplémentaires au registre de commerce sont de 2.000Frw.

**CHAPITRE IV : PENALITES**

**Article 18 : Infractions et pénalités prévues par le présent arrêté**

La liste mentionnée sous cet article fait état d'infractions punies par cet arrêté et

ibihano mu buryo bukurikira :

- Gukora ku buryo buhoraho igikorwa cy'ubucuruzi kandi kitandikishijwe gihanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku 10.000 kugeza kuri 50.000 frw.

- Gukora imenyekanisha ry'ibigomba kwandikwa mu gitabo cy'ubucuruzi ritajyanye n'igikorwa cy'ubucuruzi cyangwa se ribeshya mu gihe cyo gusaba kucyandika. Iryo kosa rihanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku 10.000 kugeza kuri 50.000 frw hashingiwe ku bwoko bw'igikorwa cy'ubucuruzi gikorwa cyinyuranyije n'ibiteganywa n'iri teka ;

- Kutagaragaza icyemezo cy'iyandikwa igihe abisabwe n'ababifitiye ububasha bihanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku 5.000 kugeza kuri 10.000 frw.

Ibi byaha bitandukanye bigenzwa kandi bikagaragazwa n'Umwanditsi Mukuru cyangwa se abamuhagarariye.

Icyaha gikorerwa inyandikomvugo igashyirwaho umukono n'umukozi w'ibiro by'Umwanditsi Mukuru cyangwa umuhagarariye wakibonye;

- Regularly practice of a business activity which is not registered, shall be punished with a fine ranging from Rwf 10,000 up to Rwf 50,000 ;

- False declaration of data to be recorded in the register of trade or a declaration which is inconsistent with the conducted activity shall be punished with a fine ranging from Rwf 10,000 up to Rwf 50,000 according to the kind of business activity being carried out contrary to what is provided for by this Order;

– Failing to exhibit the registration certificate every time it is so requested by competent authorities shall lead to a fine ranging from Rwf 5,000 up to Rwf 10,000.

These offenses shall be investigated and proved by the Registrar General or his/her representatives.

The staff of the office of Registrar General or the representative of Registrar General who observed the offense shall report it in writing and give a copy to the trader in

sanctionnées de façon suivante :

– Pratique d'une activité commerciale qui n'est pas enregistrée et de façon régulière est passible d'une peine d'amende allant de 10.000 Frw à 50.000 Frw.

- Faire une fausse déclaration concernant les données à inscrire au registre de commerce qui ne correspond pas à l'activité commerciale ou fausse déclaration lors de la demande d'enregistrement. Cette infraction est passible d'une amende allant de 10.000 Frw à 50.000Frw selon le type d'activité commerciale exercée contrairement à ce qui est prévu par le présent arrêté.

– Le fait de ne pas exhiber le certificat d'enregistrement chaque fois qu'il est demandé par l'autorité compétente est passible d'une amende allant de 5.000 Frw à 10.000 Frw.

Ces différentes infractions sont instruites et prouvées par le Registraire Général ou ses représentants.

L'infraction fait objet d'un rapport élaboré par un agent de l'Office du Registraire Général ou son représentant qui l'a constatée. Le commerçant coupable ou son tuteur en reçoit une copie et la signe pour

uwagaragaweho icyaha cyangwa umuhagarariye ahabwa kopi agasinya ko abibonye.

Uwahawe igihano ashobora gusaba kurenganurwa mu gihe agaragaje ibimenyetso by'uko yarenganye, mu gihe kitarenze iminsi itanu y'akazi uhereye igihe yaherewe inyandikomvugo imuhamya icyaha.

Amande yavuzwe muri iri teka agomba kwishyurwa mu gihe kitarenzi iminsi 30 y'akazi ibarwa kuva ku itariki inyandikomvugo igaragaza icyaha yakorewe, kandi mu gihe atishyuwe mu gihe giteganijwe umucuruzi wagaragaweho n'icyaha azamburwa icyemezo cy'ubucuruzi, hakurikireho gusibwa mu gitabo cy'ubucuruzi nakomeza kwinangira.

## UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

**Ingingo ya 19: Gukurikiza itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi mu Rwanda**

Umucuruzi wese uvugwa mur iri Teka uzagira ubushobozi burengeje amafaranga ibihumbi cumi (10.000)frw ku munsi agomba guhita yiyandikisha hakurikijwe itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi

default or his/her legal guardian who shall sign it acknowledging receipt.

The condemned trader shall be entitled to appeal with evidence of his/her innocence within five working days starting from the date of reception of report of offense showing his/her guilt.

Fines stated in this Order must be paid within 30 working days counted from the date of issuing reports showing the offence. In the event of delay of payment, the accused trader shall lose his/her registration certificate followed by the deletion from the register of trade in case of his/her persistence.

## CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

**Article 19: Compliance with the Law relating to companies in Rwanda**

Any person concerned by this Order who will start earning above ten thousand Rwandan francs (10,000 Rwf) per day shall have to immediately get registered according to the law relating to companies

réception.

Le commerçant condamné peut interjeter appel avec preuve de son innocence, endéans cinq jours ouvrables dès la réception du compte rendu lui reconnaissant coupable.

Les amendes évoquées au présent arrêté doivent être payées endéans 30 jours ouvrables comptés à partir de la date de rédaction du rapport prouvant sa culpabilité. En cas de non paiement de ces amendes à temps le certificat d'enregistrement de ce commerçant coupable lui sera confisqué et en cas de persistance il sera radié du registre de commerce.

## CHAPITRE V : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

**Article 19 : Observation de la loi relative aux sociétés commerciales au Rwanda**

Toute personne concernée par le présent arrêté qui aura plus de dix mille francs rwandais (10.000 Frw) par jour doit immédiatement se faire enregistrer selon la loi relative aux sociétés commerciales au

mu Rwanda.

**Ingingo ya 20: Abashinzwe kubahiriza iri Teka**

Umwanditsi Mukuru ashinzwe kubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry'iri Teka.

**Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho

.

**Ingingo ya 22: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa**

Iri Teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda

**Kigali, kuwa 08/05/2009**

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

in Rwanda.

**Article 20: Implementation of this Order**

The Registrar General shall be responsible for the implementation of this Order.

**Article 21: Repealing of inconsistent provisions**

All previous provisions contrary to this Order are hereby repealed.

.

**Article 22: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Kigali, on 08/05/2009**

Minister of Trade and Industry
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

Rwanda.

**Article 20 : Exécution du présent arrêté**

Le Registraire Général est chargé de la mise en exécution du présent arrêté.

**Article 21: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 22 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda

**Kigali, le 08/05/2009**

Ministre du commerce et de l'industrie
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice /Attorney General

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°03/09/MINICOM RYO KUWA 08/05/2009 RIGENA IBICIRO BYEREKEYE IMIRIMO Y'IYANDIKA RY'IBIKORWA BY'UBUCURUZI BY'AMASOSIYETE**

**ISHAKIRO**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri Teka rigamije**

**<u>Ingingo ya 2</u>: Imirimo yishyurwa n'ibiciro**

**<u>Ingingo ya 3</u>: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka**

**<u>Ingingo ya 4</u>: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa**

**MINISTERIAL ORDER N°03/09/MINICOM OF 08/05/2009 DETERMINING FEES FOR REGISTRATION OF COMPANIES' BUSINESS ACTIVITIES**

**TABLE OF CONTENTS**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

**<u>Article 2</u> : Activities to be paid for and fees**

**<u>Article 3</u>: Repealing of inconsistent provisions**

**<u>Article 4</u> : Commencement**

**ARRETE MINISTERIEL N°03/09/MINICOM DU 08/05/2009 DETERMINANT LES FRAIS D'ENREGISTREMENT DES ACTIVITES COMMERCIALES DES SOCIETES**

**TABLE DES MATIERES**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

**<u>Article 2</u>: Activités requérant paiement et frais à payer**

**<u>Article 3</u> : Disposition abrogatoire**

**<u>Article 4</u> : Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N°03/09/MINICOM RYO KUWA 08/05/2009 RIGENA IBICIRO BYEREKEYE IMIRIMO Y'IYANDIKA RY'IBIKORWA BY'UBUCURUZI BY'AMASOSIYETE**

**Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku itegeko n° 07/2009 ryo ku wa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyeti y'ubucuruzi nk'uko biteganywa mu ngingo yaryo ya 374;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 06/05/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri Teka rigamije**

Iri Teka rigena ibiciro by'imirimo y'iyandika ry'ibikorwa by'ubucuruzi

**MINISTERIAL ORDER N°03/09/MINICOM OF 08/05/2009 DETERMINING FEES FOR REGISTRATION OF COMPANIES' BUSINESS ACTIVITIES**

**The Minister of Trade and Industry;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 07/2009 of 27th April 2009 relating to companies in its article 374;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 06/05/2009;

**HEREBY ORDERS:**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Order**

This Order determines fees for registration of companies' business activities

**ARRETE MINISTERIEL N° 03/09/MINICOM DU 08/05/2009 DETERMINANT LES FRAIS D'ENREGISTREMENT DES ACTIVITES COMMERCIALES DES SOCIETES**

**Le Ministre du Commerce et de l'Industrie ;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales dans son article 374 ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 06/05/2009;

**ARRETE:**

**<u>Article premier</u>: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine les frais d'enregistrement des activités

ikorerwa mu biro by'Umwanditsi Mukuru.

**Ingingo ya 2: Imirimo yishyurwa n'ibiciro**

Ibiciro bisabwa ku mirimo y'iyandika ry'ibikorwa by'ubucuruzi biri ku mugereka w'iri Teka.

Ibiciro by'imirimo y'iyandika ry'ibikorwa by'ubucuruzi bw'amasosiyeti byishyurirwa ku biro by'Umwanditsi Mukuru, ku by'abamuhagarariye no ku mabanki y'ibigo by'imari byemewe hakurikijwe uburyo bwo kwishyura bukoreshwa mu Rwanda.

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa**

Iri Teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **08/05/2009**

applicable by the Office of the Registrar General.

**Article 2 : Activities to be paid for and fees**

Fees for registration of companies' business activities are provided for in the annex to this Order.

Fees for business incorporation and registration shall be paid at the head office of the Registrar General, delegated offices, banks and other recognized financial institutions in accordance with payment systems used in Rwanda.

**Article 3: Repealing of inconsistent provisions**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 4 : Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali on **08/05/2009**

commerciales des sociétés appliqué par l'Office du Registraire Général.

**Article 2: Activités requérant paiement et frais à payer**

Les frais d'enregistrement des activités commerciales des sociétés sont en annexe du présent arrêté.

Les frais d'enregistrement d'activités commerciales des sociétés sont payés au siège de l'Office du Registraire Général, à ses bureaux décentralisés et aux banques et institutions financières agréées selon les moyens de paiement admis au Rwanda.

**Article 3 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 4 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali le **08/05/2009**

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

Minister of Trade and Industry
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**
The Minister of Justice/Attorney General

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

Ministre du Commerce et de l'Industrie
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**UMUGEREKA KU ITEKA RYA MINISITIRI N°03/09/MINICOM RYO KUWA 08/05/2009 RIGENA IBICIRO BYEREKEYE IMIRIMO Y'IYANDIKA RY'IBIKORWA BY'UBUCURUZI BY'AMASOSIYETE**

**ANNEX TO THE MINISTERIAL ORDER N°03/09/MINICOM OF 08/05/2009 DETERMINING FEES FOR REGISTRATION OF COMPANIES' BUSINESS ACTIVITIES**

**ANNEXE A L' ARRETE MINISTERIEL N°03/09/MINICOM DU 08/05/2009 DETERMINANT LES FRAIS D'ENREGISTREMENT DES ACTIVITES COMMERCIALES DES SOCIETES**

| IBIKORWA | ACTIVITIES | ACTIVITES | IGICIRO/FEE/FRAIS |
|---|---|---|---|
| Kwiyandikisha mu Gitabo cy'Ubucuruzi | Business Incorporation and registration | Incorporation et enregistrement d'activités commerciales | 20,000Frw |
| Kubitsa no guhindura izina ry'ubucuruzi | Reservation or Change of Business Name | Réservation ou Changement de Nom commercial | 3,000Frw |
| Gushaka amakuru mu gitabo cy'ubucuruzi | Searching the trade register | Consultation du registre de commerce | 5,000Frw |
| Kubika inyandiko z'amasosiyeti | Filing Deeds of companies | Classement d'actes juridiques des sociétés | 2,000Frw |
| Guhindura ibikorwa by'Ubucuruzi | Change in business activity | Changement d'activité commerciale | 10,000Frw |
| Guhindura abanyamigabane cyangwa imigabane | Change of shareholders or shares | Changement d'actionnaires ou d'actions | 10,000Frw |
| Guhagarika ubucuruzi | Halting of business | Cessation d'activité commerciale | 5,000Frw |
| Izindi serivisi zitavuzwe | Any other service not provided for | Tout autre service non indiqué | 10,000Frw |

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:**

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta
**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

Minister of Trade and Industry
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice/Attorney General

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

Ministre du Commerce et de l'Industrie
**NSANZABAGANWA Monique**
**(sé)**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**